

**ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKUPI GATOLIKA BO MU
RWANDA Y'IGIHEMBWE CYA KANE YATERANIYE I KIGALI
TARIKI 13-16 UKUBOZA 2016**

Abepiskopi Gatolika bahuriye mu nama yabo y'igihembwe cya kane cy'umwaka gisanzwe kuva ku itariki ya 13/12 kugeza kuya 16/12/2016 ku kicaro cy'Inama y'Abepiskopi (CEPR) i Kigali. Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA, umwepiskopi wa Butare, akaba n'umuyobozi w'Inama y'Abepiskopi, ni we wayoboye inama, mbere y'uko yitabira Inama ya 14 y'Umushyikirano yatangiye kuwa 15 Ukuboza. Nyuma y'isengesho, yatangaje ingingo z'ingenzi zigomba kuganirwaho. Ingingo nyamukuru yarebanaga n'uburere bw'abafaratiri muri za Seminari Nkuru, iya Nyakibanda, iya Kabgayi n'iya Rutongo. Yanavuze kandi ku zindi ngingo zagombaga kugaruka muri iyi nama cyane cyane izerekeye Iyogezabutumwa, zirimo gahunda y'imyigishirize ya gatigisimu mu mashuri, muri za paruwasi n'ahandi ; ihimbazwa rya Yubile y'imyaka ijana y'ubusaseridoti mu Rwanda ; gahunda y'imyaka itatu yatangiranye n'Umwaka w'Impuhwe, n'izindi ngingo zirebana n'imishinga ya Kiliziya Gatolika mu Rwanda.

Muri iyi nama hari hatumiwemo abantu banyuranye barimo umunyamabanga w'ibiro by'intumwa ya Papa mu Rwanda, Padiri Prikulis Antons, wari waje nk'uko bisanzwe bigenda mu muhango wo gufungura inama. Tuributsa ko kuwa mu kwezi kwa karindwi 2016 uwari intumwa ya Papa mu Rwanda yahawe ubutumwa muri Aljeriya na Tuniziya. Kuri uyu muni wa mbere hari hatumiwe n'abepiskopi bari mu Kiruhuko bikaba byari mu rwego rw'ubusabane. Mu batumirwa b'iyi nama harimo kandi abasaseridoti bayobora Seminari Nkuru zo mu Rwanda ari bo bari baje kuganira n'abepiskopi ku mibereho y'abafaratiri. Abandi batumirwa baje ku minsi inyuranye, harimo abayobozi ba CRS mu Rwanda, abayobozi ba Kominote ya Emanweli, abakora mu muryango wa Bibiliya mu Rwanda ndetse n'umuyobozi wa Caritas-Rwanda.

Inama igitangira, Abepiskopi bahereye ku makuru anyuranye areba Kiliziya ku rwego rw'isi. Padri Antons wari uhagarariye intumwa ya Papa mu Rwanda yagejeje ku Bepiskopi amakuru y'ingenzi arebana n'amabwiriza yaturutse mu buyobozi bukuru bwa Kiliziya Gatolika i Roma. Abari mu nama bakomeje barebera hamwe n'izindi gahunda za Kiliziya Gatolika ku isi. Nyuma y'iyi ngingo, Abepiskopi baganiriye ku makuru asanzwe yaranze za Diyosezi muri aya mezi atatu ashize. Bishimiye uburyo abakristu bashoje Umwaka w'Impuhwe ndetse n'uburyo biyemeje gukomeza ibyiza uwo mwaka wadusigiye.

Abepiskopi banagarutse ku itangazo bageneye abakristu ryasomwe ku itariki ya 20/11/2016 muri za paruwasi zose zo mu gihugu ndetse rigasohoka no mu binyamakuru. Iri tangazo ryari rigenewe abakristu gatolika, gusa hari abantu bataryumvise uko ryanditse n'impamvu. Abepiskopi bibukije ko ryari rigenewe icyumweru cyo gusoza Umwaka

w'Impuhwe z'Imana, mu gushimira Imana ineza n'urukundo idahwema kutwerekana muri Yezu Kristu no mu gufata icyerekezo gishingiye ku mbuto zeze muri uwo Mwaka w'Impuhwe. Ibaruwa yibanda cyane cyane kuri iyo neza Nyagasani agirira abantu bose igashishikariza abakristu kwivugurura, bakakira impuhwe z'Imana kandi bakihatira kugaragaza ibikorwa by'Impuhwe muri bagenzi babo. Iyi baruwa yibutsaga ko igihe nk'iki cya Yubile, ari umwanya mwiza wo gusaba imbabazi ku kibi cyose cyabaye mu muryango w'Imana cyane cyane ibyaha bikomeye nka jenocide yakorewe abatutsi, ndetse n' ibyaha byose by'ubwikunde, by'ingeso mbi, byo kutita ku barwayi, ku banyanteye nke n'abashonje. Muri iyi baruwa Abepiskopi bibukije ko nta n'umwe mu bakoze ikibi wahawe ubutumwa na Kiliziya. Mu gusaba imbabazi, Abepiskopi basabaga Imana kugira ngo ihindure imitima y'abagize nabi, ibafashe kwicuza, kwiyunga no kugirira neza abo bahemukiye, bemere impuhwe zayo kandi bizere n'impuhwe z'Abanyarwanda. Muri iyi baruwa yabo kandi, Abepiskopi bitandukanyije n'ikintu cyose kijyanye n'ingengabitekerezo ya jenocide ndetse n'ikiganisha cyose ku irondakoko n' irondakarere.

Kuva ku itariki ya 14, ku munsu wa kabiri w'iyi nama, habayeho kumva ibirebana n'uburere bw'abafaratiri muri Seminari Nkuru uko ari eshatu. Abasaseridoti bayobora za Seminari Nkuru bagejeje ku Bepiskopi ibyaranze umwaka warangiye muri Kamena 2016. Muri rusange bagaragaje ko gahunda zagenze neza. Ubutumwa bwa Papa bujyanye n'impuhwe z'Imana bwakomeje kuba umurongo ngenderwaho mu biganiriro byagiye bihabwa abafaratiri. Bagarutse no kuri bimwe mu bibazo bikeneye ibisubizo mu kwita ku bafaratiri. Ibibazo byagaragaye ni ibirebana cyane cyane n'umubare udahagije w'abasaseridoti bayobora roho z'abafaratiri. Kuri icyo kibazo Abepiskopi biyemeje gukomeza kubonera Seminari abayobozi bahagije. Ikindi kibazo, ni ikijyanye n'inyubako zishajye ndetse n'izidahagije. Izishajye ziri cyane cyane i Rutongo no mu Nyakibanda, naho i Kabgayi amazu yabaye matoya kubera umubare munini w'abashaka gukomeza inzira yo kwiha Imana. Ku birebana n'uburere bw'abaseminari bakuru na none, Abepiskopi banaganiriyeye ku butumwa bwaturutse mu Biro bishinzwe iyogezabutumwa mu Basaseridoti. Iyo nyandiko yitwa "Ratio fundamentalis institutionis sacerdotalis" ivuga ku mpano y'umuhamagaro w'ubusaseridoti.

Kuva ku itariki ya 15 Ukuboza, Perezida w'Inama yagiye mu bundi butumire, imirimo ikomezwa na Nyiricyubahiro Musenyeri Tadeyo NTIHINYURWA, Arkiyepiskopi wa Kigali na Perezida wungirije w'Inama y'Abepiskopi. Abari mu nama bagarutse kuri gahunda yo kwigisha isomo ry'Iyobokamana mu mashuri na Gatigisimu muri za paruwasi, basanga hagomba kongerwa ingufu mu gutegura abarimu b'ayo masomo. Nyuma yaho banagarutse kuri gahunda y'imyaka itatu yahereye ku mwaka w'Impuhwe z'Imana ikazageza ku mwaka wa 2018. Nk'uko babatangaje mu bihe byahise, umwaka wa 2016 wari uw'Impuhwe z'Imana, uwa 2017 uzaba umwaka wo kwizihiza imyaka 100 ishize abanyarwanda ba mbere bahawe ubusaseridoti, ari bo Padiri Balitazari GAFUKU na Padiri Donati REBERAHO. Umwaka wa 2018 wo, uzaba umwaka w'ubumwe n'ubwiyunge. Muri gahunda bafashe harimo ko itangwa ry'Ubusaseridoti mu mwaka wa 2017, mu rwego rwa Diyosezi zose, rizabera i Kabgayi tariki ya 22/07/2017 kuko ari ho aba mbere babuherewe hakaba hashize imyaka ijana. Kuri iyi tariki ya 15 Ukuboza habaye n'umuhango wo gutangiza umwaka w'Urukiko rwa Kiliziya Gatolika mu Rwanda ruhuriweho n'amadiyosezi yose (TECIR).

Abepiskopi bakomeje bavuga ku mishinga inyuranye irimo gutekerezwaho no gukorwaho irebana n'inyubako. Umushinga wa mbere n'uw'inyubako y'aho ibiro by'Inama y'Abepiskopi bizimukira ku Ruyenzi. Iyi nyubako imaze amezi 6 itangiye, imirimo irimo kugenda neza. Abepiskopi bafashe akanya ko kujya gusura iyo nyubako. Byose nibigenda neza, mu myaka itarenze itatu iyi nyubako izaba irangiye. Muri urwo rwego Abepiskopi banasuzumye ikizakorera mu nyubako bakoresha ubu basanga ko hazaharirwa umushinga wo gushyigikira Iyogezabutumwa ku buryo buhuriweho na diyosezi zose.

Izindi ngingo zasuzumwe muri iyi nama, harimo ibirebana n'imishinga igamije kurwanya inzara n'ubukene bishingiye ku nama yabereye i Roma tariki ya 23 kugeza kuya 30 Kamena 2016. Musenyeri Selestini HAKIZIMANA wari witabiriye iyo nama yagejeje ku Bepiskopi uko iyo mishinga izajya ikorwa. Abashinzwe gahunda z'imishinga muri diyosezi bazagezwaho ibijyanye n'imikoranire n'abaterankunga, hanyuma bahabwe ubufasha n'ikiye yo kongerera ubushobozi Kiliziya Gatolika.

Mu gusoza inama, Abepiskopi basuzumye gahunda yo kwakira ibisigazwa bya Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu muri 2018 irimo gutegurwa n'Abapadiri b'Abakarume bo mu Rwanda. Bishimiye uburyo iyo gahunda iteye, basaba ko yakomeza kunozwa mu bufatanye bw'Umuryango wa Karumeli mu Rwanda n'Ubuyobozi bwa Kiliziya.

Imirimo y'iyi nama yashojwe ku mugoroba wo kuwa gatanu tariki ya 16/12/2016. Abepiskopi bifurizanyije Noheli Nziza n' Umwaka Mushya Muhire wa 2017.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 16/12/2016

Padiri Jean de Dieu HODARI, Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

✘ Filipo RUKAMBA

Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

